		48. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Nyakiliba	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mudende</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyanzarwe</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kanzenze</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Bugeshi</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Busasamana</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nyakiliba</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kanama</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nyundo</li> </ol>
--	--	---	--

<b>INTARA Y'AMAJYARUGU RU  NORTHERN PROVINCE  PROVINCE DU NORD</b>	<b>AKARERE  DISTRICT  DISTRICT</b>	<b>INYITO/  DENOMINATION/  DENOMINATION</b>	<b>IFASI/  TERRITORIAL JURISDICTION/  RESSORT</b>
	<b>26. GAKENKE</b>	49. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Gakenke	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gakenke</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Karambo</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nemba</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mataba</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kivuruga</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kamubuga</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Remera</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gashaki</li> </ol>

**Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013**

	<p>50. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Rushashi</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rushashi</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Minazi</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gashenyi</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muhondo</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Ruli</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Coko</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muyongwe</li> </ol>
	<p>51. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Muzo</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muzo</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Janja</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mugunga</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rusasa</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rutunga</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Busengo</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rwaza</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyabingo</li> </ol>
<p><b>27. RULINDO</b></p>	<p>52. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Mbogo</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mbogo</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Shyorongi</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rusiga</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Ngoma</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyinzuzi</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Burega</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Tumba</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Murambi</li> <li>9. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Masoro</li> <li>10. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Ntarabana</li> </ol>

**Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013**

		<p>53. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Kinihira</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kinihira</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Base</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Bushoki</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyungo</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rukozo</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kisaro</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Buyoga</li> </ol>
<p><b>28. GICUMBI</b></p>		<p>54. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Byumba</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Byumba</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Miyove</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nyankenke</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Shangasha</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Manyagiyo</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rukomo</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kageyo</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Bwisige</li> <li>9. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mutete</li> </ol>
		<p>55. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of Tribunal de Base de Bukure</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Bukure</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Giti</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muko</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rwamiko</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rutare</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Ruvune</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nyamiyaga</li> </ol>

**Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013**

		56. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of/ Tribunal de Base de Kaniga	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kaniga</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Mukarange</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rushaki</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyumba</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rubaya</li> </ol>
	<b>29. BURERA</b>	57. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of/ Tribunal de Base de Gahunga	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gahunga</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rugarama</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyanika</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kinoni</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kagogo</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kinyababa</li> </ol>
		58. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of/ Tribunal de Base de Cyeru	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyeru</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Butaro</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kivuye</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rwerere</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gitovu</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rusarabuye</li> <li>7. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Rugengabali</li> <li>8. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Ruhunde</li> <li>9. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gatebe</li> <li>10. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Bungwe</li> <li>11. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nemba</li> </ol>



**Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013**

	<b>30. MUSANZE</b>	<p>59. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of/ Tribunal de Base de Muhoza</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muhoza</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Cyuve</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gacaca</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kinigi</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nyange</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Musanze</li> </ol>
		<p>60. Urukiko rw'Ibanze rwa/ Primary Court of/ Tribunal de Base de Busogo</p>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Busogo</li> <li>2. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Gataraga</li> <li>3. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Nkotsi</li> <li>4. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Muko</li> <li>5. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Shingiro</li> <li>6. Umurenge wa / Sector of/ Secteur de Kimonyi</li> </ol>

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku umugereka w'Itegeko Ngenga n° 02/2013/OL ryo kuwa 16/6/2013 rihindura kandi ryuzuzza Itegeko Ngenga n°51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu

Kigali, kuwa 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to Organic Law n° 02/2013/OL of 16/6/2013 modifying and complementing the Organic Law n°51/2008 of 09/09/2008 determining the organisation, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date

Kigali, on 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

Vu pour être annexé à la Loi Organique n° 02/2013/OL du 16/6/2013 modifiant et complétant la Loi Organique n° 51/2008 du 09/09/2008 portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour

Kigali, le 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA II W'ITEGEKO NGENGA N° 02/2013/OL RYO KUWA 16/6/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 51/2008 RYO KUWA 09/09/2008 RIGENA IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'INKIKO NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**ANNEX II TO ORGANIC LAW N° 02/2013/OL OF 16/6/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW N° 51/2008 OF 09/09/2008 DETERMINING THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND JURISDICTION OF COURTS AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**ANNEXE II A LA LOI ORGANIQUE N° 02/2013/OL DU 16/6/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 51/2008 DU 09/09/2008 PORTANT CODE D'ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE JUDICIAIRES TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

**INKIKO ZISUMBUYE/  
INTERMEDIATE COURTS/  
TRIBUNAUX DE GRANDE INSTANCE**

<b>INTARA/ PROVINCE/ VILLE DE KIGALI</b>	<b>INYITO / DENOMINATION / DENOMINATION</b>	<b>IFASI Y'INKIKO Z'IBANZE ZA/  TERRITORIAL JURISDICTION OF PRIMARY COURTS OF/  RESSORT DES TRIBUNAUX DE BASE DE:</b>
<b>1. UMUJYI WA KIGALI / KIGALI CITY/ VILLE DE KIGALI</b>	1. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Nyarugenge	1. Nyarugenge 2. Kagarama, 3. Nyarugunga 4. Nyamirambo
	2. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Gasabo	1. Kacyiru 2. Rusororo 3. Nyamata 4. Ruhuha
<b>2. INTARA Y'IBURASIRAZUBA / EASTERN PROVINCE / PROVINCE DE L'EST</b>	1. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Nyagatare	1. Nyagatare 2. Ngarama 3. Gatunda 4. Kiramuruzi

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

	2. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Ngoma	1. Kirehe 2. Kibungo 3. Kigabiro 4. Rukara 5. Kabarondo 6. Sake 7. Nyarubuye 8. Nzige
<b>3. INTARA Y'AMAJYEPFO/ SOUTHERN PROVINCE/ PROVINCE DU SUD</b>	3. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Muhanga	1. Nyamabuye 2. Ruhango 3. Byimana 4. Gacurabwenge 5. Kiyumba 6.
	4. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Huye	1. Busasamana 2. Ndora 3. Mugombwa 4. Ngoma
	7. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Nyamagabe	1. Ruheru 2. Kaduha 3. Kibeho 4. Gasaka
<b>4. INTARA Y'IBURENGARAZUBA/ WESTERN PROVINCE/ PROVINCE DE L'OUEST</b>	8. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Rusizi	1. Kamembe 2. Nyakabuye 3. Shangi 4. Kagano
	9. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Karongi	1. Bwishyura 2. Twumba 3. Ruhango-Rutsiro 4. Gihango 5. Gashali
	10. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Rubavu	1. Gisenyi 2. Nyakiliba 3. Mukamira 4. Jomba 5. Kabaya 6. Gatumba
<b>5. INTARA Y'AMAJYARUGURU/ NORTHERN PROVINCE/ PROVINCE DU NORD</b>	11. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Musanze	1. Muzo 2. Gakenke 3. Rushashi 4. Cyeru 5. Gahunga 6. Muhoza 7. Busogo

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

	12. Urukiko Rwisumbuye rwa / Intermediate Court of / Tribunal de Grande Instance de Gicumbi	1. Byumba 2. Kinihira 3. Mbogo 4. Bukure 5. Kaniga
--	---	--

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku umugereka w'Itegeko Ngenga n° 02/2013/OL ryo kuwa 16/6/2013 rihindura kandi ryuzuzza Itegeko Ngenga n°51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu

Kigali, kuwa 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to Organic Law n° 02/2013/OL of 16/6/2013 modifying and complementing the Organic Law n°51/2008 of 09/09/2008 determining the organisation, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date

Kigali, on 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

Vu pour être annexé à la Loi Organique n° 02/2013/OL du 16/6/2013 modifiant et complétant la Loi Organique n° 51/2008 du 09/09/2008 portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour

Kigali, le 16/06/2013

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEGEKO NGENGA N°09/2013/OL RYO KUWA 16/06/2013 RIKURAHU ITEGEKO NGENGA N° 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y'U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N'IZIVUYE MU BINDI BIHUGU, NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU

ORGANIC LAW N°09/2013/OL OF 16/06/2013 REPEALING THE ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING THE TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES, AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE

LOI ORGANIQUE N°09/2013/OL DU 16/06/2013 PORTANT ABROGATION DE LA LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D'AFFAIRES A LA REPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PENAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D'AUTRES ETATS, TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article One: Objet de la présente loi organique

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'itegeko ngenga

Article 2: Repealing of the Organic Law

Article 2: Abrogation de la loi organique

Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga

Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga

Article 4: Repealing provision

Article 4: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 5: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Article 5: Commencement

Article 5: Entrée en vigueur

**ITEGEKO NGENGA N° 09/2013/OL RYO KUWA 16/06/2013 RIKURAHU ITEGEKO NGENGA N° 11/2007 RYO KUWA 16/03/2007 RIGENA KWIMURIRA MURI REPUBULIKA Y’U RWANDA IMANZA ZIVUYE MU RUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA N’IZIVUYE MU BINDI BIHUGU, NK’UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU GAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 15 Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 22 Kamena 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 201

**ORGANIC LAW N° 09/2013/OL OF 16/06/2013 REPEALING THE ORGANIC LAW N° 11/2007 OF 16/03/2007 CONCERNING THE TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC OF RWANDA FROM THE INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNAL FOR RWANDA AND FROM OTHER STATES, AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 15 May 2013;

The Senate, in its session of 22 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 201 and 202;

**LOI ORGANIQUE N° 09/2013/OL DU 16/06/2013 PORTANT ABROGATION DE LA LOI ORGANIQUE N° 11/2007 DU 16/03/2007 RELATIVE AU RENVOI D’AFFAIRES A LA REPUBLIQUE DU RWANDA PAR LE TRIBUNAL PENAL INTERNATIONAL POUR LE RWANDA ET PAR D’AUTRES ETATS, TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 15 mai 2013;

Le Sénat, en sa séance du 22 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 201 et 202;



*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

n'ya 202 ;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo kuwa 16/03/2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Having reviewed the Organic Law n° 11/2007 of 16/03/2007 concerning the transfer of cases to the Republic of Rwanda from the International Criminal Tribunal for Rwanda and other States, as modified and complemented to date;

Revu la Loi Organique n° 11/2007 du 16/03/2007 relative au renvoi d'affaires à la République du Rwanda par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda et par d'autres Etats, telle que modifiée et complétée à ce jour;

**YEMEJE :**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Article One: Objet de la présente loi organique**

Iri tegeko ngenga rigamije gukuraho Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo ku wa 16/03/2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

This Organic Law repeals the Organic Law n° 11/2007 of 16/03/2007 concerning the transfer of cases to the Republic of Rwanda from the International Criminal Tribunal for Rwanda and other States as modified and complemented to date.

La présente loi organique abroge la Loi Organique n° 11/2007 du 16/03/2007 relative au renvoi d'affaires à la République du Rwanda par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda et par d'autres Etats telle que modifiée et complétée à ce jour.

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'itegeko ngenga**

**Article 2: Repealing of the Organic law**

**Article 2: Abrogation de la loi organique**

Itegeko Ngenga n° 11/2007 ryo ku wa 16/03/2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, rivanyweho.

The Organic Law shall repeal the Organic Law n° 11/2007 of 16/03/2007 concerning the transfer of cases to the Republic of Rwanda from the International Criminal Tribunal for Rwanda and other States, as modified and complemented to date, is hereby repealed.

La Loi Organique n° 11/2007 du 16/03/2007 relative au renvoi d'affaires à la République du Rwanda par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda et par d'autres Etats, telle que modifiée et complétée à ce jour, est abrogée.

**Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga**

**Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi

This Organic Law was drafted, considered and

La présente loi organique a été initiée, examinée

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

adopted in Kinyarwanda.

et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Article 4: Repealing provision**

**Article 4: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije n'ariyo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**Ingingo ya 5: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**Article 5: Commencement**

**Article 5: Entrée en vigueur**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

Kigali, on 16/06/2013

Kigali, le 16/06/2013

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 47/2013 RYO KUWA 16/06/2013  
RIGENA KWIMURIRA IMANZA MURI  
REPUBULIKA Y'U RWANDA

LAW N° 47/2013 OF 16/06/2013 RELATING  
TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC  
OF RWANDA

LOI N° 47/2013 DU 16/06/2013 RELATIVE  
AU RENVOI D'AFFAIRES A LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by'amagambo

Article One: Definitions of terms

Article premier : Definitions des termes

Ingingo ya 2: icyo iri tegeko rigamije

Article 2: Purpose of this Law

Article 2: Objet de la présente loi

Ingingo ya 3: Imanza zirebwa n'iri tegeko

Article 3: Scope of this Law

Article 3: Champ d'application de la présente  
loi

Ingingo ya 4: Urukiko rufite ububasha

Article 4: Competent Court

Article 4: Jurisdiction compétente

Ingingo ya 5: Ibyaha bishobora gukurikiranwa  
mu nkiko zo mu Rwanda

Article 5: Crimes triable in Rwanda

Article 5: Crimes susceptibles d'être poursuivis  
par les juridictions rwandaises

Ingingo ya 6: Inyandiko y'ibirego

Article 6: Indictment

Article 6: Acte d'accusation

Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo guhabwa  
amakuru

Article 7: Right to information

Article 7: Droit à l'information

UMUTWE WA II: ITANGWA  
RY'IBIMENYETSO

CHAPTER II: PRODUCTION OF  
EVIDENCE

CHAPITRE II: PRODUCTION DES  
PREUVES

Ingingo ya 8: Amahame rusange yerekeye  
Ibimenyetso

Article 8: General Principles in evidentiary  
matters

Article 8: Principes généraux de la preuve

<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Ibyabaye byemejwe na TPIR cyangwa Urwego	<b><u>Article 9:</u></b> Facts established by ICTR or the Mechanism	<b><u>Article 9:</u></b> Faits établis par le TPIR ou le Mécanisme
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Ubuhamya abatangabuhamya batanze muri TPIR cyangwa mu Rwego	<b><u>Article 10:</u></b> Evidence provided to ICTR or to the Mechanism by witnesses	<b><u>Article 10:</u></b> Déposition des témoins devant le TPIR ou le Mécanisme
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ubuhamya bw'impuguke muri TPIR cyangwa mu Rwego	<b><u>Article 11:</u></b> Statement by expert witnesses before the ICTR or the Mechanism	<b><u>Article 11:</u></b> Déclarations des témoins experts devant le TPIR ou le Mécanisme
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Ubuhamya bwahawe abakozi ba TPIR cyangwa b'Urwego mu gihe cy'iperereza	<b><u>Article 12:</u></b> Testimony provided to ICTR or the Mechanism officials during investigations	<b><u>Article 12:</u></b> Temoignages recueillis par les enquêteurs du TPIR
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Inyandiko n'ibimenyetso byatanzwe na muganga ufasha inzego z'ubutabera bigakusanywa na TPIR cyangwa Urwego	<b><u>Article 13:</u></b> Documents and Forensic Evidence collected by ICTR or the Mechanism	<b><u>Article 13:</u></b> Documents et preuves médico-légales recueillis par le TPIR ou le Mécanisme
<b><u>UMUTWE WA III:</u></b> UBURENGANZIRA N'UMUTEKANO	<b><u>CHAPTER III:</u></b> RIGHTS AND SECURITY	<b><u>CHAPITRE III:</u></b> DROITS ET SECURITE
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Uburenganzira bw'uregwa	<b><u>Article 14:</u></b> Rights of an accused person	<b><u>Article 14:</u></b> Droits de l'accusé
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa	<b><u>Article 15:</u></b> Protection and assistance to witnesses	<b><u>Article 15:</u></b> Protection et assistance des témoins
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ubuhamya bw'umutangabuhamya bukorewe hanze y'Igihugu	<b><u>Article 16:</u></b> Testimony of a witness residing abroad	<b><u>Article 16:</u></b> Témoignage d'un témoin résident à l'étranger
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Ubwunganizi	<b><u>Article 17:</u></b> Defence Counsel	<b><u>Article 17:</u></b> Conseils de la Défense
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> UBURURIRE NO GUSUBIRAMO URUBANZA	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> APPEAL AND CASE REVIEW	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> APPEL ET REVISION
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Imanza z'ubujurire	<b><u>Article 18:</u></b> Appeal	<b><u>Article 18:</u></b> Appel

<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Gusubirishamo urubanza ingingo nshya	<b><u>Article 19:</u></b> Case review	<b><u>Article 19:</u></b> Recours en révision
<b><u>UMUTWE WA V: IMIKORANIRE HAGATI YA LETA Y'U RWANDA N'URWEGO NYUMA YO KWIMURA IMANZA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: COLLABORATION BETWEEN THE GOVERNMENT OF RWANDA AND THE MECHANISM SUBSEQUENT TO TRANSFER OF CASES</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: RELATIONS ENTRE LE GOUVERNEMENT DU RWANDA ET LE MECANISME APRES LE RENVOI D'AFFAIRES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inkunga y'Urwego mu bya tekini	<b><u>Article 20:</u></b> Technical assistance from the Mechanism	<b><u>Article 20:</u></b> Assistance technique du Mécanisme
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Gukurikirana imanza	<b><u>Article 21:</u></b> Monitoring of proceedings	<b><u>Article 21:</u></b> Suivi du déroulement des affaires
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Gusubiza urubanza	<b><u>Article 22:</u></b> Referral of cases	<b><u>Article 22:</u></b> Dessaisissement
<b><u>UMUTWE WA VI: IFATWA N'IFUNGWA</u></b>	<b><u>CHAPTER VI: ARREST AND DETENTION</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV : ARRESTATION ET DETENTION</u></b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Ifatwa n'ifungwa by'uregwa	<b><u>Article 23:</u></b> Arrest and detention of an accused person	<b><u>Article 23:</u></b> Arrestation et détention d'un accusé
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Ifungwa ry'agateganyo	<b><u>Article 24:</u></b> Provisional detention	<b><u>Article 24 :</u></b> Détention provisoire
<b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Gukura mu gihano igihe umuntu uhamwe n'icyaha amaze afunze by'agateganyo	<b><u>Article 25:</u></b> Deduction for time spent in custody	<b><u>Article 25:</u></b> Déduction de la peine de la période de détention provisoire
<b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Uburyo bwo gufungwamo	<b><u>Article 26:</u></b> Conditions of detention	<b><u>Article 26:</u></b> Conditions de détention
<b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Iyubahirizwa ry'iri tegeko	<b><u>Article 27:</u></b> Application of this Law	<b><u>Article 27:</u></b> Application de la présente loi
<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Agaciro k'ibyakoze mbere y'itangazwa ry'iri tegeko	<b><u>Article 28:</u></b> Validity of actions taken before the commencement of this law	<b><u>Article 28:</u></b> Validité des actes accomplis avant l'entrée en vigueur de la présente loi

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

<b><u>Ingingo ya 29:</u> Agaciro k'ibyakoze na TPIR</b>	<b><u>Article 29:</u> Valadity of actions taken by ICTR</b>	<b><u>Article 29 :</u> Validité des actes accomplis par le TPIR</b>
<b><u>Ingingo ya 30:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</b>	<b><u>Article 30:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 30:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 31:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b>	<b><u>Article 31:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 31:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 32:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 32:</u> Entrée en vigueur</b>

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

**ITEGEKO N° 47/2013 RYO KUWA 16/06/2013  
RIGENA KWIMURIRA IMANZA MURI  
REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU  
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U  
RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w’Abadepite mu nama yawo yo kuwa 12  
Kamena 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 11  
Kamena 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u  
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93,  
iya 94, iya 95, iya 108, iya 143, iya 145, iya 149,  
iya 160, iya 162, iya 190 n’iya 201;

Ishingiye ku Masezerano y’Umuryango  
w’Abibumbye yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeye  
gukumira no guhana icyaha cya jenocide yemejwe

**LAW N° 47/2013 OF 16/06/2013 RELATING  
TRANSFER OF CASES TO THE REPUBLIC  
OF RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 12  
June 2013;

The Senate, in its session of 11 June 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94,  
95, 108, 143, 145, 149, 160, 162, 190 and 201;

Pursuant to the United Nations Convention on the  
Prevention and Punishment of the crime of  
Genocide of 9 December 1948 ratified by the

**LOI N° 47/2013 DU 16/06/2013 RELATIVE  
AU RENVOI D’AFFAIRES A LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU  
RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 12 juin  
2013;

Le Sénat, en sa séance du 11 juin 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda  
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,  
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93,  
94, 95, 108, 143, 145, 149, 160, 162, 190 et 201;

Vu la Convention des Nations Unies pour la  
prévention et la répression du crime de génocide  
du 9 décembre 1948 ratifiée par le Décret-Loi n°

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

n'Itegeko- teka n° 08/75 ryo kuwa 12 Gashyantare 1975 n'Iteka rya Perezida n° 48/01 ryo ku wa 05/09/2008 rivanaho ukwifata kwa Repubulika y'u Rwanda ku ngingo ya 9;	Decree Law n° 08/75 of 12 February 1975 and by Presidential Order n° 48/01 of 05/09/2008 lifting the reservation of the Republic of Rwanda on Article 9;	08/75 du 12 février 1975 et par l'Arrêté Présidentiel n° 48/01 du 05/09/2008 portant levée de la réserve de la République du Rwanda à l'article 9;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;	Pursuant to Organic Law n° 51/2008 of 09/09/2008 determining the organization, functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date;	Vu la Loi Organique n° 51/2008 du 09/09/2008 portant Code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2011/OL ryo kuwa 03/10/2011 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;	Pursuant to Organic Law n° 04/2011/OL of 03/10/2011 determining the organization, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution Department as modified and complemented to date;	Vu la Loi Organique n° 04/2011/OL du 03/10/2011 portant organisation, fonctionnement et compétence de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et de l'Auditorat Militaire telle que modifiée et complétée à ce jour;
Imaze kubona Amategeko agenga Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'amategeko yarwo agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso;	Considering the Statute of the International Criminal Tribunal for Rwanda and its Rules of Procedure and Evidence;	Considérant le statut du Tribunal Pénal International pour le Rwanda ainsi que son Règlement de procédure et de preuve;
Imaze kubona Ibyemezo by'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi 1503 cyo mu mwaka wa 2003, 1504 cyo mu mwaka wa 2004 byerekeye kurangiza imirimu y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, cyane cyane ibyangombwa bisabwa kugira ngo imanza zimwe zo mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda zimurirwe mu nkiko z'ibihugu birimo n'u Rwanda;	Considering the United Nations Security Council Resolutions 1503 of 2003 and 1504 of 2004 relating to completion of the mandate of the International Criminal Tribunal for Rwanda, and particularly the requirements to transfer cases from the International Criminal Tribunal for Rwanda to national jurisdictions, including Rwanda;	Considérant les Résolutions 1503 et 1504 du Conseil de Sécurité des Nations Unies respectivement adoptées en 2003 et 2004 et relatives à l'achèvement des travaux du Tribunal Penal International pour le Rwanda et plus particulièrement les conditions requises pour le renvoi de certaines affaires aux juridictions nationales par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda, y compris celles du Rwanda;
Ishingiye ku cyemezo 1966 cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro	Pursuant to the United Nations Security Council Resolution 1966 of 22 December 2010;	Vu la Résolution 1966 du Conseil de Sécurité des Nations Unies du 22 décembre 2010 ;



ku Isi cyo kuwa 22 Ukuboza 2010;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere : Ibisobanuro by'amagambo**

**Article One: Definitions of terms**

**Article premier: Definitions des termes**

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira :

For the purpose of this Law, the following terms shall mean as follows:

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes :

1° **TPIR:** Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda hakurikijwe icyemezo cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi n° 955 cyo ku wa 8 Ugushyingo 1994;

1° **ICTR:** International Criminal Tribunal for Rwanda established pursuant to the United Nations Security Council Resolution 955 of 8 November 1994;

1° **TPIR:** Tribunal Pénal International pour le Rwanda créé conformément à la Résolution 955 du Conseil de Sécurité des Nations Unies du 8 novembre 1994 ;

2° **Urwego:** Urwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyizweho n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo ruzakomeze imirimo ya ngombwa y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda n'iy'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya, igihe zizaba zarangije inshingano zazo. Muri iri tegeko Urwego bivuga Ishami ry'u Rwanda.

2° **Mechanism:** Mechanism for International Criminal Tribunals established by the United Nations Security Council on 22 December 2010 to finish the remaining tasks of the Tribunals for Rwanda and the Former Yugoslavia, at the completion of their functions. Under this Law, the Mechanism means Rwanda Branch.

2° **Mécanisme:** Mécanisme pour les tribunaux pénaux internationaux créé par la Résolution 955 du Conseil de Sécurité des Nations Unies du 22 décembre 2010 pour achever les travaux résiduels du Tribunal Pénal International pour le Rwanda et du Tribunal Pénal International pour l'ex-Yougoslavie, au moment de la fin de leur mandat. Aux fins de la présente loi, le Mécanisme signifie la Branche du Rwanda.

**Ingingo ya 2: icyo iri tegeko rigamiye**

Iri tegeko rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye muri TPIR, mu Rwego n'izivuye mu bindi bihugu n'ibindi bibazo bijyana n'iryo yimurwa.

Iri tegeko rigena kandi uburyo ibimenyetso byakusanyijwe na TPIR, Urwego n'ibindi bihugu byakirwa mu manza ziburanishirizwa mu Rwanda mu nkiko zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 3: Imanza zirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba imanza zoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda n'Urwego n'izivuye mu bindi bihugu zerekeranye n'icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu.

Iri tegeko rikoreshwa kandi no ku manza zoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda zivuye mu bindi bihugu kimwe no ku byifuzo Repubulika y'u Rwanda ishyikirije ibindi bihugu, isaba kwimura imanza cyangwa abantu bakekwa kuba barakoze ibindi byaha.

**Ingingo ya 4: Urukiko rufite ububasha**

Urukiko Rukuru rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rwa mbere imanza zimuriwe mu Rwanda.

Ku rwego rwa mbere, urubanza ruburanishwa

**Article 2: Purpose of this law**

This Law shall determine the transfer of cases and other related matters, from ICTR, the Mechanism and other States to the Republic of Rwanda.

This Law shall also determine the procedures of admissibility of evidence collected by the ICTR, the Mechanism and other States in proceedings before competent Rwandan courts.

**Article 3: Scope of this Law**

This Law applies in matters concerning transfer of cases to the Republic of Rwanda from the Mechanism and from other States, relating to crime of genocide perpetrated against Tutsi and other crimes against humanity.

This Law also applies in other matters where there is transfer of cases to the Republic of Rwanda from other States or where transfer of cases or extradition of suspects for other crimes is sought by the Republic of Rwanda from other States.

**Article 4: Competent Court**

The High Court shall be the competent court to conduct on the first instance the trial of cases transferred to Rwanda.

At the first instance, the case shall be tried by a

**Article 2: Objet de la présente loi**

La présente loi porte sur le renvoi au Rwanda des affaires provenant du TPIR, du Mécanisme et d'autres pays et sur toutes les questions y relatives.

La présente loi détermine également les modalités d'admissibilité devant les juridictions rwandaises compétentes des preuves recueillies par le TPIR, le Mécanisme et les autres pays.

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique au renvoi à la République du Rwanda par le Mécanisme et par d'autres Etats, d'affaires relatives aux infractions constitutives du crime de genocide perpétré contre les Tutsi et d'autres crimes contre l'humanité.

Elle s'applique également aux affaires renvoyées à la République du Rwanda par d'autres Etats ainsi qu'aux demandes de renvoi d'affaires ou d'extradition de suspects pour d'autres infractions formulées par la République du Rwanda à des Etats tiers.

**Article 4: Juridiction compétente**

La Haute Cour est compétente pour connaître en premier ressort des affaires renvoyées au Rwanda.

La Cour statue en premier ressort à juge unique

*Official Gazette n° Special Bis of 16/06/2013*

n'umucamanza umwe yunganiwe n'umwanditsi w'urukiko.

Icyakora, Perezida w'Urukiko, abyibwirije, ashobora gushyiraho inteko y'abacamanza batatu (3) cyangwa barenga bunganiwe n'umwanditsi w'urukiko bitewe n'uko abona uburemere n'imiterere by'urubanza.

**Ingingo ya 5: Ibyaha bishobora gukurikiranwa mu nkiko zo mu Rwanda**

Hatitawe ku biteganywa n'andi mategeko asanzwe akurikizwa mu Rwanda, abaregwa mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR no mu rwego bakurikiranwaho gusa ibyaha TPIR n'Urwego bifitiye ububasha.

**Ingingo ya 6: Inyandiko y'ibirego**

Biro y'Umushinjacyaha Mukuru ifata inyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR, Urwego cyangwa ibindi bihugu ikayihuza n'ibiteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda, ikayishyikiriza Perezida w'Urukiko Rukuru.

Urukiko Rukuru rwemera inyandiko y'ikirego ari uko rumaze gusuzuma niba ikozwe mu buryo buteganywa n'Igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu Rwanda.

single Judge assisted by the court registrar.

However, the President of the Court may at his/her absolute discretion designate a quorum of three (3) or more judges assisted by a court registrar depending on his/her assessment of the complexity and importance of the case.

**Article 5: Crimes triable in Rwanda**

Notwithstanding the provisions of other laws applicable in Rwanda, a person whose case is transferred by the ICTR and the Mechanism to Rwanda shall be liable to be prosecuted only for crimes falling within the jurisdiction of the ICTR.

**Article 6: Indictment**

The Prosecutor General's Office shall adapt the indictment from the ICTR, the Mechanism or from other States in order to make them compliant with the provisions of the Code of Criminal Procedure of Rwanda, and it shall be forwarded to the President of the High Court.

The High Court shall accept the indictments after verifying that they fulfill the formal requirements of the Code of Criminal Procedure of Rwanda.

assisté par un greffier.

Toutefois, le Président de la Cour peut, de sa propre initiative, désigner un siège de trois (3) juges ou plus assistés par un greffier, selon son appréciation quant à l'importance et la complexité de l'affaire.

**Article 5: Crimes susceptibles d'être poursuivis par les juridictions rwandaises**

Nonobstant les dispositions d'autres lois en vigueur au Rwanda, les personnes dont les dossiers sont renvoyés au Rwanda en provenance du TPIR et du Mécanisme ne peuvent être poursuivies que pour les crimes relevant de la compétence du TPIR.

**Article 6: Acte d'accusation**

Le Bureau du Procureur Général harmonise l'acte d'accusation établi par le TPIR, le Mécanisme ou par les autres Etats avec les dispositions du Code de procédure pénale rwandais et le transmet au Président de la Haute Cour.

La Haute Cour accepte l'acte d'accusation après s'être assurée qu'il a été établi conformément aux conditions de forme prescrites par le Code de procédure pénale rwandais.

**Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru**

Mu gihe cy'iminsi icumi (10) uhereye igihe icyemezo cy'Urukiko Rukuru cyafatiwe, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko Rukuru amenyesha icyo cyemezo Umushinjacyaha w'Urwego.

**UMUTWE WA II: ITANGWA RY'IBIMENYETSO**

**Ingingo ya 8: Amahame rusange yerekeye ibimenyetso**

Ibimenyetso byakusanyijwe hakurikijwe Sitati n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso bya TPIR n'Urwego bishobora gukoreshwa mu manza ziburanishwa n'Urukiko Rukuru.

Urukiko Rukuru ntirushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye gusa ku buhamya bwanditse bwatanzwe mbere n'abatangabuhamya batigeze batanga ubuhamya mu iburanisha.

Icyakora, Urukiko Rukuru rushobora guhamya umuntu icyaha rushingiye ku gaciro k'ubwo buhamya bwanditse iyo ubwo buhamya bufite ubundi bubushyigikira.

**Ingingo ya 9: Ibyabaye byemejwe na TPIR cyangwa Urwego**

Rubisabwe n'umuburanyi cyangwa rubyibwirije

**Article 7: Right to information**

Within a period of ten (10) days, from the time when the High Court makes a decision, the Registrar of the High Court shall notify the Prosecutor of the Mechanism of the decision.

**CHAPTER II: PRODUCTION OF EVIDENCE**

**Article 8: General Principles in evidentiary matters**

Evidence collected in accordance with the Statute and the Rules of Procedure and production of evidence of ICTR and the Mechanism may be used in proceedings before the High Court.

The High Court shall not convict a person solely on prior written statements of witnesses who did not give oral evidence during the trial.

However, the High Court may convict a person on the probative value of a prior written statement if it is corroborated by other witnesses.

**Article 9: Facts established by ICTR or the Mechanism**

The High Court, at the request of a party, or on its

**Article 7: Droit à l'information**

Le greffier de la Haute Cour communique, conformément à la présente loi, au Procureur du Mécanisme toute décision rendue par cette juridiction dans un délai de dix (10) jours à compter de la date de la prise de la décision.

**CHAPITRE II: PRODUCTION DES PREUVES**

**Article 8: Principes généraux de la preuve**

Les éléments de preuve recueillis conformément au Statut et au Règlement de procédure et de preuve du TPIR et du Mécanisme peuvent être considérés devant la Haute Cour.

La Haute Cour ne peut condamner une personne en se fondant uniquement sur des déclarations écrites antérieures des témoins qui n'ont pas déposé au cours du procès.

Toutefois, si une déclaration écrite faite antérieurement au procès est corroborée par d'autres témoignages au procès, la Haute Cour peut statuer en s'y référant.

**Article 9: Faits établis par le TPIR ou le Mécanisme**

A la demande d'une partie ou, de sa propre

kandi rumaze kumva icyo ababuranyi babivugaho, Urukiko Rukuru rushobora kwemera ibyabaye byemejwe na TPIR cyangwa Urwego cyangwa rukemera kwakira ubuhamya bugizwe n'inyandiko buvuye mu manza zaciwe na TPIR cyangwa Urwego kandi bwerekeye ibivugwa mu rubanza ruburanishwa.

**Ingingo ya 10: Ubuhamya abatangabuhamya batanze muri TPIR cyangwa mu Rwego**

Inyandikomvugo z'ubuhamya bwatanze muri TPIR cyangwa Urwego hamwe n'inyandiko z'ubuhamya butatangiwe mu rukiko, hakurikijwe amategeko y'urwo rukiko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso, byakirwa n'Urukiko Rukuru, ubwo buhamya cyangwa iza nyandiko z'ubuhamya bipfa kuba bifitanye isano n'ikiburanwa. Urukiko Rukuru rushobora kutakira ubuhamya bwatanze n'umutangabuhamya urindiwe umutekano iyo bubangamiye umuburanyi kurusha uko buhamya ingingo igibwaho impaka mu rukiko.

Iyi ngingo ntivutsa uregwa uburenganzira afite bwo gusaba ko abatangabuhamya bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bahamagazwa mu rukiko, kugira ngo babazwe ibibazo binyomoza.

Iyo ubuhamya umutangabuhamya urindiwe umutekano yatanze mu rukiko cyangwa hanze bushyizwe muri dosiye y'urubanza, umwirondoro w'uwabutanze ntutangarizwa rubanda, keretse iyo bitangiwe uruhushya n'Urwego cyangwa nyir'ubwite. Iyo uwo mutangabuhamya

own motion and after hearing of the parties, may accept facts established by the ICTR or the Mechanism or may accept documentary evidence from proceedings of the ICTR or the Mechanism relating to the matters referred to in the case under trial.

**Article 10: Evidence provided to ICTR or to the Mechanism by witnesses**

